Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere Nº06, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya gatatu Gashyantare (21- 28), 2021

Cyasohotse ku itariki ya 03 Werurwe 2021

Incamake

Mu minsi icumi y'igice cya gatatu, Gashyantare 2021 kuva tariki ya 21 kugeza tariki ya 28, byagaragaye ko imvura yabaye nke ahenshi mu gihugu. Imvura iri hejuru y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa muri ayo matariki yapimwe ahenshi mu bice by'intara y'Amajyepfo no mu bice bimwe na bimwe by'intara y'Iburasirazuba.. Naho imvura iri munsi y'ikigereranyo cy'isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu gihugu. Imvura nyinshi yapimwe mu ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyakibanda ahapimwe milimetero 104.1 mu minsi 4, ikurikirwa n'ubupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 62.5 mu minsi 3 ndetse no ku bupimiro bwa Kansi hapimwe milimetero 51.3 mu minsi 3. Naho imvura nke iri munsi ya milimetero 05 yapimwe ku bupimiro bwa Mwiri, Kirehe na Kagitumba bwo mu Ntara y'Iburasirazuba. Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe biboneka mu gice cya gatatu cya Gashyantare. Ku bahinzi, ubu imirimo iribanda cyane mu gutegura imirima no gutangira igihembwe cy'ihinga cy'ihinga 2021B.

1.0 Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, kwiyongera no kugabanuka kw'imvura, ikigereranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe igwa, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gashyantare 2021. Muri iki gice imvura yapimwe yari hejuru y'ikigero y'imvura isanzwe igwa mu bice byinshi by intara y'Amajyepfo no mu bice bimwe na bimwe by'intara y'Iburasirazuba. Ahenshi imvura ikaba yari munsi y'ikigereranyo cy'isanzwe igwa.

Imvura nyinshi yapimwe mu ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyakibanda ahapimwe milimetero 104.1 mu minsi 4, ikurikirwa n'ubupimiro bwa Byimana hapimwe milimetero 62.5 mu minsi 3 ndetse no ku bupimiro bwa Kansi hapimwe milimetero 51.3 mu minsi 3. Mu bindi bice byo mu gihugu haguye imvura iri mu kigero cy isanzwe igwa.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya gatatu cya Gashyantare 2021

1.2 Kwiyongera/Kugabanuka kw'imvura ugereranyije n'impuzandengo.

Ikarita iri hasi iratwereka ko íbice bike byo mu mu gihugu imvura yagabanutse,ikaba yariyongereye mu bice byo mu ntara y Amajyefo



Ikarita 2 : Kwiyongera no kugabanuka kw'imvura mu gice cya gatatu cya Gashyantare 2021

1.3. Ikigereranyo cy'imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire.

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ishusho ya 1 n'iya 2, ziratwereka ingano y'imvura yaguye ugereranyije n'ingano y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatutu cy'ukwezi kwa Gashyantare 2021. Bigaragara ko imvura yaguye yari nyinshi ugereranyije n'isanzwe igwa mu bice byinshi by' intara y'Amajyepfo no mu bice bike by'Intara y'Iburasirazuba.



Ishusho1 : ikigeraranyo cy'imvura mu Mujyi wa Kigali, Intara y'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba



Ishusho 2**: **ikigeraranyo cy'imvura mu ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba

1.4. Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya gatatu mu kwezi kwa Gashyantare 2021. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi haguye imvura hagati y'umunsi umwe n'iminsi itanu (1-5). Biteganyijwe ko mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Werurwe imvura izagwa hagati y'iminsi itatu n'iminsi itandatu (3-6).



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu cya Gashyantare 2021 bwariyongereye bitewe n'ibihe by'imvura byaranze iki gice. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera mu gice cya mbere cya Werurwe 2021 bitewe n'imvura iteganyijwe.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire, mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse no mu Majyepfo y'intara y'Iburengerazuba niho hashyushye kurusha ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru byari hagati ya dogere Selisiyusi 22.2 ku bupimiro bwa Gicumbi na 29.6 ku bupimiro bwa Bugarama.



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 11.1^{0}C ku bupimiro bwa Busogo na dogere Selisiyusi 18.7^{0}C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu ntara y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo n'uduce tumwe two mu ntara y 'Iburengerazuba niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Werurwe(tariki 01-10) 2021

3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya mbere cy'ukwezi kwa Werurwe 2021 (kuva taliki ya 1 kugeza kuya 10) mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 120. Imvura iteganyijwe ikazaba iri ku kigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'iri teganyagihe mu gihugu hose. Imvura itaganyijwe kandi ikazumvikanamo inkuba ndetse ikazaba irimo n'umuyaga uringaniye ushyira umuyaga mwinshi mu majyaruguru y'iburasirazuba no mu majyepfo y'iburengerazuba. Imvura iteganyijwe mu gihugu mu buryo bukurikira:

Intara y'Iburasirazuba: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 15 na 60. Imvura iri hagati ya milimetero 15 na 30 iteganyijwe mu majyaruguru no hagati mu karere ka Nyagatare, mu burasirazuba bwa Kayonza no mu majyaruguru y'iburasirazuba bwa Kirehe. Imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 iteganyijwe mu bice byinshi bya Rwamagana, mu majyaruguru ya Ngoma, mu majyepfo ya Kayonza, Kirehe no mu burengerazuba bwa Bugesera. Ahasigaye hose hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45.

Intara y'Iburengerazuba: Mu burasirazuba bwa Nyabihu n'inkengero z'ikiyaga cya Kivu mu turere twa Karongi, Rutsiro, Nyamasheke na Rusizi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 60. Mu turere twa Rubavu na Ngororero n'ahasigaye mu turere twa Rutsiro, Karongi, Nyabihu na Nyamasheke no hagati mu karere ka Rusizi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 90. Mu burasirazuba bw'akarere ka Rusizi gahegereye muri Pariki ya Nyungwe hateganyijwe imvura izagera kuri milimetero 120.

Intara y'Amajyaruguru: Imvura iri hagati ya milimetero 30 na 75 niyo iteganyijwe mu ntara y'Amajyaruguru. Mu duce duto duherereye mu turere twa Musanze na Burera no mu majyaruguru y'iburasirazuba bwa Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 45. Imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60 iteganyijwe ahasigaye muri Musanze, Burera na Gicumbi, no mu majyaruguru ya Rulindo na Gakenke. Ahasigaye mu turere twa Rulindo na Gakenke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 75.

Umujyi wa Kigali: Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 75. Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 75 iteganyijwe mu burengerazuba bwa Gasabo n'amajyaruguru ya Nyarugenge mugihe ahasigaye hose hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60.

Intara y'Amajyepfo: Mu karere ka Kamonyi, mu burasirazuba no hagati mu turere twa Ruhango na Nyanza, mu majyaruguru y'uturere twa Huye na Gisagara no mu majyepfo y'iburasirazuba bwa Muhanga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 45 na 60. Ahasigaye mu turere twa Muhanga, Ruhango, Nyanza, Huye na Gisagara no mugice kinini cy'amajyaruguru n'iburasirazuba bwa Nyamagabe na Nyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 75. Ahasigaye mu turere twa Nyaruguru na Nyamagabe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 75 na 90.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya mbere cya Werurwe 2021.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo gukomeza kwitwararika mu imirimo y'ihunika no gutangira gutegura imirima kuko muri iki gice cya mbere cya Werurwe imvura izakomeza kugwa. Mu duce tugaragaramo imvura nyinshi bakwiye kwirinda imyuzure. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi ndetse barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.